Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°12/2020: **Taliki: Ukuboza 2020**

Cyasohotse kuwa 05 Mutarama 2020

1. IRIBURIRO

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; (i) uko ikirere cyari kimeze mu kwezi k'Ukuboza 2020, (ii) iteganyagihe ry'ukwezi kwa Mutarama na Gashyantare 2021, (iii) ingaruka zatewe n'ikirere mu kwezi k'Ukuboza 2020 ndetse n'iziteganyijwe mu kwezi kwa Mutarama 2021.

2. INCAMAKE

- **Imvura yaguye mu kwezi k' Ukuboza 2020**; ahenshi mu gihugu haguye imvura iri munsi y'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri uku kwezi uretse mu Ntara y'Iburengerazuba ku bupimiro bwa Bugarama, Rubengera no ku kibuga cy'indege cya Kamembe.
- **Imvura iteganyijwe muri Mutarama na Gashyantare 2021**; Hashingiwe ku ishusho y'imigwire y'imvura mu gihe kirekire, mu gihe cy'aya mezi abiri mu Rwanda haboneka imvura iringaniye, muri aya mezi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 350. **Ingaruka zaturutse ku miterere y'ikirere ndetse n'izishobora kubaho:** Mu Ukuboza 2020 imvura yaguye yari nke ahenshi mu gihugu ugereranyije n'isanzwe igwa muri uku kwezi,ibi bikaba ntacyo byahungabanyije ku mirimo y'ubuhinzi kuko ibihingwa byegreje isarurwa, uretse ko uduce tumwe na tumwe twatinze guhinga tukaba twaragize imvura nke cyane mu Ukuboza bishobora gutuma ibihingwa bitera neza. Ukwezi kwa Mutarama, ni intangiriro y'urugaryi, hakaba hateganyijwe imvura nke, ndetse n'ubuhehere bw'ubutaka bukazagabanuka muri Mutarama 2021.

3. Ibyaranze ukwezi k'Ukuboza 2020

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye n'ubushyuhe byaranze ukwezi k'Ukuboza 2020 ndetse n'ikigereranyo cy'imvura mu gihe kirekire.

3.1 Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Ukuboza 2020 mu buryo burambuye

Muri uku kwezi k'Ukuboza 2020 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 10.7 na milimetero 228.3. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Bugarama ingana na milimetero 228.3. Mu Ntara y'Iburengerazuba n'iy'Amajyepfo niho hapimwe imvura nyinshi kurusha ahandi mu gihugu.

- Mu Mujyi wa Kigali ku bupimiro bwo ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali hapimwe milimetero 85.9 na milimetero 87.8 ku bupimiro bwa Gitega.
- Mu Ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 124.2, naho ku bupimiro bwa Byimana hapimwe milimetero 82.1.
- Mu Ntara y'Amajyaruguru hapimwe imvura mu buryo bukurikira: Gicumbi hapimwe milimetero 44.2, Busogo hapimwe milimetero 73.2 na Musanze ku kibuga cy'indege hapimwe milimetero 99.1.
- Mu Ntara y'Iburengerazuba ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Rusizi hapimwe milimetero 153.8, Rubavu ku kibuga cy'indege hapimwe milimetero 46.8, Rubengera hapimwe milimetero 147.2 naho ku bupimiro bwa Bugarama hapimwe milimetero 228.3.
- Mu Ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 10.7, imvura ingana na milimetero 50.7 yapimwe ku bupimiro bwa Kawangire, naho ku bupimiro bwa Ngoma-Kazo hapimwa imvura ingana na milimetero 102.2.

3.2 Igiteranyo cy'imvura yaguye n'isanzwe ihagwa mu gihe kirekire ku bupimiro butandukanye (muri mm)

Ubupimiro	Ukuboza 2020	Ukuboza
Kigali Aero	85.9	87.4
Gitega	87.8	97.2
Nyamagabe	124.2	131.5
Byimana	82.1	122.5
Gicumbi	44.2	86.1
Busogo	73.2	136.0
Musanze Aero	99.1	142.6
KamembeAero	153.8	149.2
Rubavu Aero	46.8	96.1
Bugarama	228.3	143.0
Rubengera	147.2	142.6
Ngoma-Kazo	102.2	104.2
Kawangire	50.7	85.7
Nyagatare	10.7	58.7



Imbonerahamwe ya 1 n'Ishusho ya 1;biragaragaza ikigeranyo cy'imvura yaguye mu Ukuboza2020 n'isanzwe igwa mu myaka myinshi

Ikarita zikurikira hasi (**1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukuboza 2020 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi mu gihe cy'imyaka myinshi.



Ikarita ya 1: Imvura yaguye (mm) mu Ukuboza 2020



Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa (mm) mu Ukuboza

3.3 Ubusesenguzi ku bushyuhe

Impuzandengo y'ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya dogere Selisiyusi 21.1 (^{0}C) ku bupimiro bwa Gicumbi mu Ntara y'Amajyaruguru na dogere Selisiyusi 29.8 (^{0}C) zabonetse ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi mu Ntara y'Iburengerazuba. Naho impuzandengo y'ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya 10.8^{0}C Busogo na 18.8^{0}C Bugarama. Igice cy'Amajyaruguru ndetse n'icy'Amajyepfo niho hakonje ugereranyije n'igice cy'Iburengerazuba, Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).



Ikarita ya 3: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hejuru



Ikarita ya 4: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hasi

4. Ubuhehere bw'ubutaka

Biragaragara ko ubuhehere bw'ubutaka bwakomeje kuba bwiza mu kwezi ku Ukuboza biturutse ku bihe by'imvura yabonetse nubwo yari nke. Biteganyijwe ko Ubuhehere bw'ubutaka buzagabanuka mu kwezi kwa Mutarama 2021 bitewe n'imvura izaba nke kubera igihe twinjiyemo cy'Urugaryi.

5. Iteganyagihe ry' ukwezi kwa Mutarama na Gashyantare 2021



Ikarita 5 : Ingano y'imvura iteganyijwe muri Mutarama na Gashyantare 2021

Hashingiwe ku ishusho y'imigwire y'imvura mu gihe kirekire, mu gihe cy'aya mezi abiri mu Rwanda haboneka imvura iringaniye, muri aya mezi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 350. Muri rusange hateganyijwe imvura nk'isanzwe igwa mu bihe byiza ariko ishobora kugabanuka hashingiwe ku miterere ya buri karere. Imvura iteganyijwe izaturuka ahanini ku buhehere bugaragara mu karere k' Afurika y'iburasirazuba u Rwanda ruherereyemo buturuka mu nyanja ngari hamwe n'imiterere karemano yo mu turere tw'imisozi n'amashyamba ahaboneka kuko bibasha kubika bwa buhehere mu gihe kirekire.

Ingano y'imvura iteganyijwe hirya no hino mu gihugu muri Mutarama na Gashyantare 2021:

Imvura iri hagati ya milimetero 250 na milimetero 300 iteganyijwe mu turere twa Nyamasheke n'igice kinini cya Rusizi ndetse n'amajyepfo y'iburengerazuba bwa Nyamagabe.

Imvura iri hagati ya milimetero 200 na milimetero 250 iteganyijwe mu gice gisigaye cy'akarere ka Nyamagabe, mu turere twa Nyaruguru na Huye, igice kinini cy'akarere ka Karongi, amajyepfo ya Rutsiro ndetse no mu gice cy'amajyepfo y'uburengerazuba bwa Rusizi na Ngororero.

Imvura iri hagati ya milimetero 150 na milimetero 200 iteganyijwe mu Ntara y'Amajyarurugu (Musanze, Burera, Gicumbi, Gakenke na Rulindo), Intara y'Iburengerazuba mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Ngororero n'amajyaruguru ya Rutsiro, Intara y'Amajyepfo mu turere twa Gisagara, Nyanza, Ruhango, Muhanga, Kamonyi no mu burasirazuba bw'akarere ka Huye na Nyaruguru, mu Mujyi wa Kigali mu turere twa Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro, mu ntara y'Iburasirazuba mu gice cy'amajyaruguru ya Bugesera na Ngoma ndetse no mu majyepfo ya Rwamagana.

Imvura iri hagati ya milimetero 100 na milimetero 150 iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza, Amajyarurugu ya Rwamagana, Amajyepfo ya Bugesera na Ngoma n'igice kinini cy'akarere ka Kirehe.

Imvura iri hagati ya milimetero 50 na milimetero 100 iteganyijwe mu majyepfo y'akarere ka Kirehe.

6. INGARUKA KU ITERAMBERE

Aha turerekana ingaruka zatewe n'imihindagurikire y'ikirere ku iterambere ry'igihugu mu kwezi kwashize ndetse n'izishobora kubaho mu kwezi gutaha.

6.1 Ingaruka zabonetse mu kwezi k'Ukuboza 2020

Imvura yaguye mu Ukuboza 2020, ahenshi mu gihugu yari munsi y'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi; ibi byagize ingaruka ku bihingwa byari bigikeneye imvura. Imvura yari iringaniye cyane cyane mu Ntara y'Iburengerazuba n'iy'Amajyepfo, bikaba byaratumye imirimo ikenera imvura yaragenze neza.

6.2 Ingaruka ziteganyijwe mu kwezi kwa Mutarama na Gashyantare 2021

Tugendeye ko turi mugihe cy'urugaryi, ndetse n'iteganyagihe ry'ukwezi kwa Mutarama na Gashyantare 2021 rikaba rigaragaza ko hateganyijwe imvura nke, ibi bizatuma ubuhehere bw'ubutaka bugabanuka.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri nyuma y'amasaha atandatu, irisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5), iry'iminsi irindwi (7) ndetse n'iry'iminsi icumi ritangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda).